

ICYEMEZO N° 029/2022/TB/BWS-JDD CYA PEREZIDA W'URUKIKO RW'IBANZE RWA BWISHYURA  
GITEGEKA UMUBURANYI KWITABA URUKIKO.

Umunsi wa makumyabiri, ukwezi kwa Ukwakira, umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri na kabiri;

Twebwe NIYONSABA Emelyne, Umucamanza mu Rukiko rw'Ibanze rwa BWISHYURA, dufashijwe na MPORWIKI Jean Marie Vianney, Umwanditsi Mukuru w'urwo Rukiko;

Tumaze kubona ko mu iburanisha ryo kuwa 20/10/2022 ry'urubaniza RP 00582/2021/TB/BWS, UBUSHINJACYAHA buregamo uwitwa NTIBAKUNZE Claude mwene NEMEYIKI Emmanuel na AHISHAKIYE Jeannette utuye mu Mudugudu wa Kimigenge, Akagari ka Kibirizi, Umurenge wa Rubengera, Akarere ka Karongi, Intara ya Intara y'iburengerezuba, ukora ..... Tel ..... icyaha cy'ubuhemu; uwitwa NTIBAKUNZE Claude atitabye urukiko ariko umwanditsi w'urukiko wavuganye n'umukuru w'umudugudu yari atuyemo yaranditse ku ihamagara avuga ko yamubwiye ko batamuzi muri uwo mudugudu;

Tumaze kubona ko urukiko rwemeje ko ahamagazwa ahatazwi;

Dushingiye ku ngingo ya 99 y'Itegeko N° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha ivuga ko «Imenyesharuhamo rikorwa mu buryo bwo kumanika kopi y'ihamagara ahantu hagaragara hagenwe n'Urukiko rwaregewe mu kibanza cyarwo, inyandukuro yayo mu magambo ahinnye ikamanikwa aho Inkiko Zisumbuye zose zikorera kandi ikamenyeshwa rubanda hakoreshejwe inzira yose urukiko rusanziboneye mu gihe cy'amezi abiri (2). Ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bijyana no gutangaza icyemezo cya Perezida w'Urukiko gitegeka uwarezwe kwitaba Urkiko mu gihe giteganyijwe, akamenyeshwa ko kopi y'ikirego imutegereje mu bwanditsi bw'Urukiko. Icyemezo gitangazwa mu kinyamakuru kimwe cya Leta, byaba ngombwa kikanatangazwa no mu kindi kinyamakuru cyigenga gisomwa na benshi cyagenwe na Perezida w'Urukiko. Perezida w'Urukiko ashobora gutegeka ko itangazo rikorwa mu bundi buryo bubereye nko gukoresha radiyo, televiziyo cyangwa irindi koranabuhanga. Itangazwa ry'icyemezo rikorwa mu Kinyarwanda. Icyakora, rishobora gukorwa mu rundi rurimi rwemewe mu butegetsi iyo bibaye ngombwa».

Dutegetse ko NTIBAKUNZE Claude wavugiwe imyirondoro haruguru ahamagazwa ahatazwi mu buryo bw'imenyesharuhamo bakazitaba urukiko kuwa 21/12/2022 i saa mbiri za mugitondo kandi iki cyemezo kimanikwa ahabugenewe ndetse kikanatangazwa ku rubuga rw'urwego rw'ubucamanza.

NI UKO ICYEMEZO GIFTIWE MU BIRO BYACU KU ITARIKI YAVUZWE HEJURU

NIYONSABA Emelyne

UMUCAMANZA

MPORWIKI Jean Marie Vianney

UMWANDITSI W'URUKIKO



REPUBLIKA Y'U RWANDA



URUKIKO: TB BWISHYURA  
P.O.B: .....  
TEL: .....  
E-mail: .....

INYANDIKO Y'UMWANDITSI IHAMAGARA UMUBURANYI UDAFITE AHO ABARIZWA HAZWI

Umwaka wa 2022, umunsi wa 20 w'ukwezi kwa Ukwakira

Bisabwe na UBUSHINJACYAHA utuye mu Mudugudu wa - Akagari ka - Umurenge wa - Akarere ka - Intara ya - TEL +250725485996 P.O.B - e-mail ried.prosecution@rra.gov.rw uburanirwa/wunganirwa na SEMUHUNGU Paul

Twebwe MPORWIKI Jean Marie Vianney umwanditsi w'UrukikoTB BWISHYURA

Nshingiye ku ngingo 98, 102 n'iya 103 z'Itegeko N° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;

Menyesheje NTIBAKUNZE Claude mwene NEMEYIKI Emmanuel na AHISHAKIYE Jeannette utuye mu Mudugudu wa Kimigenge, Akagari ka Kibirizi, Umurenge wa Rubengera, Akarere ka Karongi, Intara ya Intara y'iburengerazuba , ukora ..... Tel ..... uburanirwa/wunganirwa na - Tel - P.O.B - e-mail - ariko ubu utazwi aho atuye, ko agomba kwitaba UrukikoTB BWISHYURA, 2022-12-21 kuwasaa 08:00 aho ruburanishiriza imanza z'inshinjabyaha;

Kugira ngo yiregure ku kirego yarezwegifite n° RP 00582/2021/TB/BWS cyatanzwe cyatanzwe na UBUSHINJACYAHA utuye mu Mudugudu wa - Akagari ka - Umurenge wa - Akarere ka - Intara ya - TEL +250725485996 P.O.B - e-mail ried.prosecution@rra.gov.rw uburanirwa/wunganirwa na -

Ikiburanwa: Icyaha cy'ubuhemu

« Kubera ko uhamagawe mu rukiko adafite aho atuye cyangwa aho aba hazwi haba mu Rwanda cyangwa mu mahanga, TB BWISHYURA manitse kopi y'iri hamagara ..... (ahagenwe n'urukiko) kandi inyandiko yayo mu magambo ahinnye nyimanitse ku miryangy o y'Iinkiko Zisumbuye mu gihe cy'amezi abiri ».

Iri hamagara rizamara amezi abiri nk'uko biteganywa n'ningingo ya 103 z'Itegeko N° 027/2019 ryo ku wa 09/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;

UHAMAGAWE  
NTIBAKUNZE Claude

UMWANDITSI  
MPORWIKI Jean Marie Vianney

